REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 05/06/2018

N° 36.NJYA/2018

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

NYANZA

Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama idasanzwe yo ku wa 31 Gicurasi 2018

Madamu Guverineri,

Mbandikiye ngirango mbagezaho ibyemezo by'inama y'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Ndago mu cyumba cy'inama cy'Akarere ku wa 31 Gicurasi 2018, yitabirwa n'abajyanama 27 kuri 28 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mugire amahoro.

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
KIGALI

Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru

NYARUGURU

REPUBLIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KU WA 31 GICURASI 2018

Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yo ku wa 31 Gicurasi 2018 yateraniye I Ndago mu cyumba cy'inama cy'Akarere, iyobowe na Perezida wayo Bwana MUNGWAKUZWE Yves yitabirwa n'Abajyanama 27 kuri 28 bagize Inama Njyanama y'Akarere.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo ikurikira:

1. Gusuzuma ibibazo byagaragajwe n'Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta y'umwaka wa 2016/2017 n'imishinga yadindiye

Nyuma yo kuganira ku ngingo yavuzwe haruguru, abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru bafashe icyemezo gikurikira:

Icyemezo cya mbere:

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma imishinga ifite ibibazo (Isoko rya kijyambere na Gare bya Kibeho, Cross border market complex, Community Center, Amakusanyirizo y'amata, Umuhanda wa Giswi-Uwinteko, imishinga y'amashanyarazi n'agakiriro), nkuko byagaragajwe n'ubugenzuzi bw'umugenzuzi mukuru w'Imari ya Leta bwakozwe ku ngengo y'imari y'umwaka wa 2016/2017, no gusuzuma ibibazo byagaragajwe na Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu (imikorere mibi muri Saccos, imikorere ya JADF itanoze, imikorere ya PSF itanoze) bamaze kubona ko iryo dindira ryatewe no kuba umuyobozi wari ubishinzwe atarabashije kubikurikirana, abagize Inama Njyanama bemeje ko Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu Bwana BISIZI Antoine akuweho icyizere ku bwiganze bw'amajwi 23/26 batoye bityo akaba asezerewe muri izo nshingano .

UMWANDITSI W'INAMA:

KAMPOGO DATIVE

Umunyamabanga w'Inama

Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

UMUYOBOZI W'INAMA:

MUNGWAKUZWE Yves

Perezida w' Inama

Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

REPUBLIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 17/07/2018
N° 0470/07.02

INTARA Y'AMAJYEPFO
TEL: 252533385, Fax: 252533380
Email : south@southernprovince.gov.rw
Website : www.southernprovince.gov.rw

NYARUGURU DISTRICT
DATE OF RECEPTION
31 AUG 2018
Received by.....
Registration No.....
To be Treated by.....

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru
NYARUGURU

Impamvu: Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 31 Gicurasi 2018

Bwana Perezida,

Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru yateranye ku itariki ya 29 Kamena 2018 byatugezeho; nyuma yo kubisuzuma, turabasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

MURESHYANKWANO Marie Rose
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

Bimenyeshejwe:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  NYARUGURU

Dukorane umurava, dutere imbere